# Mu by'ukuri Allah yagennye amategeko muramenye ntimuzayirengagize, ashyiraho n'imbago muramenye ntimuzazirengeho, anaziririza bimwe mu bintu muramenye ntimuzabirengeho, agira n'ibindi yacecetse ntiyabivugaho kubera impuhwe abafitiye, atari uko abyibagiwe, muramenye ntimuzabicukumbure

Hadith yaturutse kwa Abu Tha'alabat Al Khushaniy Djur'thum Ibun Nashir (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mu by'ukuri Allah yagennye amategeko muramenye ntimuzayirengagize, ashyiraho n'imbago muramenye ntimuzazirengeho, anaziririza bimwe mu bintu muramenye ntimuzabirengeho, agira n'ibindi yacecetse ntiyabivugaho kubera impuhwe abafitiye, atari uko abyibagiwe, muramenye ntimuzabicukumbure."

[قال النووي: حديث حسن] [رواه الدارقطني في سننه وغيره]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ko Allah hari ibintu yategetse ndetse ashyiraho amategeko agomba kubahirizwa no kutayadohokaho, ndetse ko yanashyizeho imbago zituma abantu batagwa mu byo yabujije, bityo ntibemerewe kugira icyo bongera kuri yo; yanaziririje kandi ibintu dukwiye kwirinda no kutegera, ibindi bitari ibyo atavuze byari ku bw'impuhwe ze afitiye abagaragu be, ibyo bihama biziruye bitabujijwe bityo ntibyemewe ko tubicukumbura.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee